Ni ngombwa kuri buri muyisilamu koga inshuro imwe mu minsi irindwi, agakarabamo umutwe n'umubiri we wose

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: Ni ngombwa kuri buri muyisilamu koga inshuro imwe mu minsi irindwi, agakarabamo umutwe n'umubiri we wose.
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko ari ngombwa kuri buri muyisilamu ukuze kandi afite ubwenge kwiyuhagira inshuro imwe mu minsi irindwi, agakarabamo umutwe we n'umubiri we agamije isuku; kandi umunsi ukwiye kwitabwaho ni umunsi wa gatanu (wa Idjuma) nk'uko bisobanuka mu zindi mvugo. Koga ku munsi wa gatanu mbere yo kujya gusali idjuma ni byiza kandi amategeko y'idini arabidushishikariza, kabone n'iyo waba wiyuhagiye ku wa kane. Igituma bitagirwa itegeko ni imvugo ya Aishat (Imana imwishimire) igira iti: Abantu bajyaga bihugiraho bakora imirimo yabo, byagera ku munsi wa Idjuma bakagenda uko bameze, nuko bamwe baravuga bati: Iyo mujyayo mubanje kwiyuhagira!" Yakiriwe na Bukhari. No mu yindi mvugo iragira iti: Bajyagayo bafite ibyuya n'impumuro mbi n'ibindi, ariko hamwe n'ibyo barabwiwe bati: Iyo mujya mubanza kwiyuhagira! Abatari abo rero ntabwo byaba itegeko kuri bo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65084